**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA MUSANZE**
**BP: 03 MUSANZE**
**E-mail: musanzedistrict@musanze.gov.rw**
**Website: www.musanze.gov.rw**

# ITANGAZO RY'AKAZI N° 0316... /07.04.03

Ubuyobozi bw'Akarere ka MUSANZE bushingiye ku bikubiye mu Iteka rya Perezida wa Repubulika N° 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingiro; buramenyesha abarimu bifuza kwimukira mu Karere ka Musanze n'abifuza guhindura Ikigo cy'Amashuri hagati mu Karere ko amadosiye abisaba azakirwa kugeza tariki ya **17 Nzeri 2021** hifashishijwe E-mail: recruitment@musanze.gov.rw.

Ku bifuza gusaba gukorera mu Karere ka Musanze baturutse mu tundi Turere, dosiye zigomba kuba zigizwe n'ibi bikurikira:

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Musanze
2. Icyemezo cy'Amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya 70% mu mihigo ya 2020-2021;
3. Icyemezo cy'imyitwarire myiza gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'Ishuri Umwarimu yigishagaho;
4. Icyemezo kigaragaza ko aho yifuza kujya kwigisha hari umwanya;
5. Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'Ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimukiye ahandi;
6. Fotokopi y'indangamuntu;
7. Fotokopi y'impamyabushobozi ahemberwa;
8. Fotokopi y'ibaruwa ya burundu imushyira mu kazi ku mwanya yakoragaho.

AKARERE KA MUSANZE

Scanned with CamScanner

Ku basanzwe bakora mu Bigo by'Amashuri byo mu Karere ka Musanze, dosiye isaba igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Musanze
2. Icyemezo cy'Amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya 70% mu mihigo ya 2020-2021;
3. Fotokopi y'ibaruwa ya burundu imushyira mu kazi.

**Icyitonderwa:**

Dosiye zagiye zoherezwa kuri E-mail ya: musanzedistrict@musanze.gov.rw zidakurikije ibikubiye muri iri tangazo nta gaciro zizahabwa:

1. Hashingiye na none ku iteka ryavuzwe haruguru, Umwarimu utararangiza igihe cy'igeragezwa ( **amezi 12**) ntabwo yemerewe gusaba koroherezwa urugendo
2. Dosiye itazanyuzwa kuri E-mail yagaragajwe hejuru ntabwo izahabwa agaciro
3. Abafite abo bifuza kugurana kandi bahuje impamyabumenyi n'ibyo bigisha na bo buzuza dosiye nk'abandi ariko bakabigaragaza mu ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere.

Bikorewe I Musanze, kuwa…01/09/2021

AKARERE KA MUSANZE

**NUWUMUREMYI Jeannine**
**Umuyobozi w'Akarere ka MUSANZE**

Scanned with CamScanner